REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE
ET DU MOUVEMENT COOPERATIF
B.P. 1044 KIGALI.-

Kigali, le 22 JAN. 1987

N° 0282 /15.08.01

Bwana Bourgmestri wa Komini
y'Umujyi ya Nyarugenge
K I G A L I.-

Bwana Bourgmestri,

Nkulikije ibaruwa yawe n° 1741/04.09.01/10 yo kuwa 24/12/1986 itira ikibuga cyo kuli Stade Régional y'i Nyamirambo mushaka kuzakiniraho ku italiki ya 28/1/87, ndakumenyesha ko kuli iyo taliki Stade Régional izaba igifunze kubera imilimo izatangira kuhakorerwa kuva taliki ya 19/1/1987, kugirango Prezida wa Repubulika azashobore kuhakilira icyiciro cya kabili cy'abakozi.

Ku byerekeye imipira 13 musaba, uwitwaje iyi baruwa ashobora kuzaza kuyifata ku biro by'Ubuyobozi Bukuru by'Imikino n'Imyidagaduro.

Mu kigwi cya Ministri w'Urubyiruko
no Gutsura za Koperative uli mu butumwa
MUGEMA Romuald
Umunyamabanga Mukuru.-

Bimenyeshejwe:
- Bwana Prefe wa Prefegitura
K I G A L I.-
- Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko
na za Koperative
K I G A L I.-

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE
ET DU MOUVEMENT COOPERATIF
B.P. 1044 KIGALI.-

Kigali, le 22 JAN. 1987

N° 0282 /15.08.01

Bwana Bourgmestri wa Komini
y'Umujyi ya Nyarugenge
K I G A L I.-

Bwana Bourgmestri,

Nkulikije ibaruwa yawe n° 1741/04.09.01/10 yo kuwa 24/12/1986 itira ikibuga cyo kuli Stade Régional y'i Nyamirambo mushaka kuzakiniraho ku italiki ya 28/1/87, ndakumenyesha ko kuli iyo taliki Stade Régional izaba igifunze kubera imilimo izatangira kuhakorerwa kuva taliki ya 19/1/1987, kugirango Prezida wa Repubulika azashobore kuhakilira icyiciro cya kabili cy'abakozi.

Ku byerekeye imipira 13 musaba, uwitwaje iyi baruwa ashobora kuzaza kuyifata ku biro by'Ubuyobozi Bukuru by'Imikino n'Imyidagaduro.

Mu kigwi cya Ministri w'Urubyiruko
no Gutsura za Koperative uli mu butumwa
MUGEMA Romuald
Umunyamabanga Mukuru.-

Bimenyeshejwe:
- Bwana Prefe wa Prefegitura
  K I G A L I.-
- Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko
  na za Koperative
  K I G A L I.-

/R.T./U.M.J./

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE DE KIGALI
COMMUNE URBAINE DE
NYARUGENGE.

Nyarugenge, kuwa 24/12/1986

Nº 1741 /04.09.01/10

Date entrée : 29/12/86
Nº Classement : 1006/75.08

Bwana Minisitiri w'Urubyiruko
no Gutsura za Koperative
KIGALI.

Bwana Ministri,

Buli mwaka Komine y'Umujyi ya Nyarugenge itegura irushanwa ly'umupira w'amaguru ly'itiliwe "Demokarasi" ligahuza amasegiteri ayigize.

Muli uko kwitegura ilyo rushanwa kugirango lizashobore kugenda neza, tuboneyeho umwanya wo kubatira Stade régional izakinirwaho n'amasegiteri abili azaba yabaye ayambere akazakina Taliki 28 Mutarama 1987 saa cyenda n'igice. Byashoboka mukaba mwaduha n'imipira cumi n'itatu (13), yo guhemba amasegiteri azaba yagiye mu irushanwa.

Mu gihe tugitegereje igisubizo cyanyu cyiza tubaye tubashimiye.

Bimenyeshejwe:

- Bwana Prefe wa Prefegitura KIGALI.
- Umuyobozi w'urubyiruko na Koperative KIGALI.

BOURGMESTRE WA KOMINI
Y'UMUJYI YA NYARUGENGE

KARERA François.-

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREF. de Kigali Commune Nyarugenge